

GUTARURA INTAMA Z'IMANA ZAZIMIYE.

Nshuti muvandimwe, Nishimiye kukumenyesha ko muri ibi bihe biheruka Imana yadutumyeho umuhanuzi wayo nk'uko yari yarabisezeranyije abatubanjirije ikoresheje akanwa k'Umuhanuzi Malaki. Muri Malaki 4:5-6; cyangwa mu Malaki 3:23-24 muri bibiliya zaditswe vuba aha, hagaragaramo Isezerano ryo kohererezwa kwa Eliya umuhanuzi wagombaga kuza gusanganya umutima w'abana n'uwa ba Sembere y'uko Imana iza

kurimbuza isi umuvumo. (Ibyo bisobanura ko ukwizera kwacu twebwe abana b’Imana bariho muri iki gihe, kugomba kumera kimwe n’ukwizera kw’Intumwa n’abahanuzi batumwe n’Imana mbere yacu). Kugirango ibyo bishoboke byabaye ngombwa ko Imana itoranya umuntu yahaye impano y’ubuhanuzi imeze nk’iya Eliya mu gihe cyacu, ikamushyiramo amagambo agenewe kubwirwa abantu bose bavuga ko bizera Imana muri iki gihe.

Uwo muntu rero nta wundi wabonetse usibye Mwenedata William Marrion Branham wavukiye I Gefersoniville mu Indiana muri Leta zunze ubumwe z'amerika ahagana mu 1909, Uwo niwe Imana yakoresheje Imirimo n'Ibitangaza nk'ibyo yakoresheje intumwa zayo, kandi niwe yahaye ubutumwa bugenewe Itorero ryo muri iki gihe, Ndetse no mu gihe yari arimo kubatiza umuntu wa cumi na Karindwi mu ruzi rwitwa Ohio, Umwuka w'Imana waje kuri we ari mu ishusho y'igicu ahagarara hejuru y' umutwe we maze aravuga ati:”Nk’uko

natumye yohana umubatiza ngo
ambere integuza yo kuza kwanjye
kwa mbere niko n'ubutumwa
nzaguha buzaba integuza yo kuza
kwanjye kwa Kabiri.” Ibyo kandi
na Bibiliya irabihamya muri
Matayo 17:10-11. Uwo muhanuzi
yahawe ubusobanuro
bw'Ibimenyetso bitandatu muri
birindwi bivugwa mu gitabo
cy'Ibyahishuwe 6, niwe wahawe
ubwiru bwose burebana n'Itorero
rigizwe natwe abera, ubu dufite
ubugingo buhoraho tubikesha
kwizera igikorwa Imana
yadukoreye ubwo yemeraga
gutanga umwana wayo

wadupfiriye akishyiraho ibyaha byacu byose, tukaba twiteguye kuzazamurwa tukazajya mu ijuru mu bukwe bw'Umwana w'Intama w'Imana.

Uwo muhanuzi Branham yarasinziye mu mwaka w'I 1965, hakurikiraho umugaragu w'Imana witwa EWARD FRANK wari waratoranyirijwe umurimo wo gukwirakwiza ku isi yose ubutumwa Imana yahaye uwo muhanuzi, ariko kuko EWARD FRANK atakomeje kuba umwizerwa akageza ubwo agoreka ubutumwa Imana yari

yarahaye umuhanuzi Branham,
Imana yitoranyirije Mwenedata
PIERRE KASAMBAKANA
umugaragu ukiranuka w'ubwenge
wo kugerera igerero abo mu
Itorero ryayo muri iki gihe. Ubu
akaba atuye I Kinshasa akaba ari
umugenzuzi mukuru w'Itorero
ry'Umwimere ry'Umwami
Yeshua Ha Mashyah ku isi.
“Eglise primitive du Seigneur
Yeshua Ha Mashyah Uwo niwe
uri kubwiriza ubutumwa bwiza
nyakuri bugenewe Abana
b'Imana bo muri iki gihe
giheruka, Abubwiriza neza
nk'uko intumwa za mbere

zabubwiriye, kandi nk'uko Imana yabuhishuriye mwenedata w'umuhanuzi William Marrion Branham. Niyo mpamvu nanjye maze kumenya ibyo, nahawe n'Imana kwizera ubutumwa bw'igihe giheruka, kandi Imana yampaye umurimo wo gufatanya n'Abera bayo gutarura intama zayo zazimiriye mu madini atandukanye. Ukeneye kumenya inyigisho zikubiyemo ubutumwa Imana yahaye Umuhanuzi Branham warebera kuri www.messagehub.info no kuri www.egliseprimitive.net cyangwa kuri Facebook/paji/ Itorero

ry' Abera b' umwimerere
ry' Umwami Yeshua Ha Mashyah.

1. Ni Ibiki biranga intama y'Imana yazimiye?

Iyo uri intama y'Imana yazimiye,
uba wumva uri umunyabyaha mu
mutima wawe, kandi ugahorana
umutima ugucira urubanza bitewe
n'ibyo uhora ukora bibi, ndetse
wagerageza no kubireka ukabona
ntubishobora, uhora wifuza
kureka ibyaha byawe ariko
bikakunanira, urasenga, ukiyiriza,
ugakora imirimo y'idini ariko
ukanga ukumva uri

umunyabyaha, uricuza ugasaba
Imana imbabazi z'ibyaha byawe
ariko ukumva ntibishira, ukageza
aho wumva urambiwe n'ibyo
byose bakubeshye ngo byagukiza
ibyaha, hakaba ubwo wumva
utazi niba uzanakizwa, ukiheba
kuko bakubwira ko gukizwa ngo
ucike ku byaha byakunaniye,
uhora ubabazwa n'uko
n'abakubwira ngo gerageza ureke
ibyaha nabo ubona
batabireka, uakazinukwa idini
kabone n'aho waba ukiririmo uba
wumva ushaka kurisohokamo
ariko ukumva ntufite iyo ujya,

maze ukarigumamo ariko ari
amaburakindi.

Abo muhuye nabo bakubwira ko
waguye mbese wavuye mu nzira
y'agakiza, udakizwa neza se, iyo
wari uri mu idini ukarivamo,
cyangwa hari n'ibyaha wari
wararetse ukongera
ukabyibonamo, bituma wiheba
ukiciraho iteka ryo kurimbuka,
ukajya uvuga ngo Imana
n'ibishaka izambabarira cyangwa
izandimbura, ibyo aribyo byose
uba wumva ukunze Imana ari
ukumva warayihemukiye kuko
gukizwa byakunaniye, ntuba uzi
neza aho uherereye, kandi mu

by'ukuri uba wumva udashaka
gukora ibyaha ariko ukanga
ukabyibonaho bikakubabaza ariko
uba utazi uburyo wabikira.

Niba nawe ari uko umeze ni
ikimenyetso cy'uko uri intama
y'Imana yazimiye, kandi Imana
ubwayo niyo ikurehereza kwihana
nyakuri ngo ibone uko igukiza
ibyaho byaha byawe, kandi ngo
igushyire mu rugo rwayo arirwo
Torero ry'Abera bafite ubugingo
buhoraho, n'ishyamba ryo gukora
imirimo myiza bakabaho bafite
ibyiringiro byo kuzajya mu ijuru
no kuzategekana na Yeshua .

(Tit.2 :11-15)

2. Kwihana nyakuri ni iki, kandi bikorwa bite ?

Kwihana nyakuri si uguhora usaba Imana imbabazi z'ibyaha uhora ukora kandi utabasha kubireka. Ahubwo kwihana Nyakuri ni uguhindukira ukareka ibyo wibwiraga mu mutima wawe bidahuje n'ukuri kw'ijambo ry'Imana, ari nabyo bigutera imikorere mibi, uterwa no kwizera ibinyoma. Ariko ntiwashobora kwihana by'ukuri utarahabwa ukwizera Nyakuri. (Ibyakoz. 3 :19 ;2 Abami 17 :13-

16 ; Yere miya 25 :5 ; Ezekiel 33 :11 ; Zekaria 1 :4 ; No muri Yesaya 55 : 7. Umunyabyaha nareke ingeso ze, ukiranirwa areke ibyo yibwira agarukire Uwiteka Imana, na we aramugirira ibambe, agarukire Imana yacu kuko izamubabarira rwose pe. 8. “Erega ibyo nibwira si ibyo mwibwira, kandi inzira zanyu si zimwe n’izanjye!” Ni ko Uwiteka Imana avuga.

3. Ukwizera Nyakuri ni iki, kandi se guturuka hehe ?

Ukwizera nyakuri ni ukumenya no kwemera kuyoborwa n'ijambo ryavuzwe n'Imana ryose ikoresheje intumwa n'abahanuzi yatumye. Iryo jambo ry'Imana turisanga muri bibiriya Yera.

Abahebur. 11 :1-6. Dore ingingo z'ibanze zigize ukwizera nyakuri : Kumenya Imana y'ukuri no kumenya Uwo yatumye gucungura abantu bayo uwo ari we. Yohana 17:3 ; Abaroma 10 :10-17 ; Tito 2 :13 ; Yesaya 9 :5 ; Yohana 14 :6-9. Ukwizera

nyakuri ni impano y'Imana si
umurimo umuntu akorera Imana
ahubwo ni umurimo Imana
ikorera mu muntu wo
kumuhishurira ubwiru
bw'Agakiza kayo aribwo Kristo .(
niwe Yeshua Ha Mashyah mu
rurimi rw'Igiheburayo).

Dukurikije ibyo tubona muri
Bibiriya ni uko Imana imwe
rukumbi ari umwuka
utagaragarira amaso y'abantu
yaremye ijuru n'isi n'ibiriho
byose ari ibiboneka n'ibitaboneka
ikoresheje ijambo ryayo. (
Itangiriro 1 :1-4 ; Yohana 1 :1-2 ;
Abakorosayi 1 :15-18)

Bityo rero Imana yaturemye iri
hejuru yacu kandi idusumba
twese niyo Data wa twese kandi
izina ryayo mbere y'uko yambara
umuri w'umuntu yavuze ko yitwa
YAHWEH soma ngo « Yawe »
. Zaburi 68 :4, Maze igihe kigeze
itegekesha ijambo ryayo ko
munda y'umwali Mariam habamo
umwana uzitwa umwana wayo
kandi uzavuka afite amazina
y'icyo azaba ari cyo. Ayo Mazina
yavuzwe n'umuhanuzi Yesaya
muri Yesaya 9 :5 agira ati « Nuko
Umwana yatuvukiye duhawe
umwana w'umuhungu, ubutware

buzaba ku bitugu bye, azitwa
igitangaza, umujyanama, Imana
ikomeye, Data wa twese,
uhoraho, umwami w'amahoro.
Biragaragara ko Umwana
wavutse kubw'Ijambo ry'Imana
atari umuntu gusa, ahubwo yari
umuntu 100% mu buryo
bw'umubiri kandi yari Imana
100% mu buryo bw'umwuka.
kandi nawe ubwe mu ijambo rye
yarivugiye ati : « Aburahamu
atarabaho Ndiho. Yohana 8 :56 ;
arongera ati : « Umbonye aba
abonye Data. » Yohana 14 :7-9 ;
ahandi wasoma kugirango ubone
ko Umwami Yeshua Hamashiach

ari we Data, ariwe Mwana
w'Imana kandi akaba ari
Umwuka wera. 1 Timoteyo 3 :16
; Yohana 8 :19-24 ; 2 Petero 1 ;
Tito 2 :13

Si Imana ya kabiri yaje ahubwo
yari Imana yayindi yaturemye
yaje iri mu mubiri w'umuntu. Ni
nayo mpamvu yiswe izina
ry'Imana ry'isezerano rishya
ariryo rya YESHUA soma ngo «
YESHUWA » aho amariye
kubatzwa na Yohana nibwo
abantu basobanukiwe ko ariwe
mesiya wari warasezeranyijwe ko
azaza gucungura abantu Imana
yaremye, maze ku izina rye rya

Yeshua hongerwaho irya HA
MASHYAH soma ngo «
Hamashiya » aribyo bisobanurwa
ngo Uwasizwe amavuta ngo abe
umwami. Niyo mpamvu aho
yavukiye muri Betelehemu
bamwitaga YESHUA HA
MASHYAH, kuko bavugaga
ururimi rw'igiheburayo ,ntabwo
bamwitaga Yesu Kristo cyangwa
Yezu Kristu, ibyo ni abahinduzi
ba bibiriya mu zindi ndimi
babikoze, kandi ayo ni amakosa
bakoze tutagomba kugenderaho
kuko n'izina bwite ry'umuntu
ntirihinduka mu zindi ndimi

nkaswe izina ry'Imana umukiza wacu.

Tumaze kubona uburyo Imana ari imwe rukumbi, ariko ku bushake bwayo yigaragaje mu buryo butatu, ibitewe n'uko yashakaga gucungura abo yaremye kuko bari baramaze kuba abanyabyaha, kandi ngo nimara kubamenyesha ko yabacunguye ibahe kwizera kugirango ibone uko yinjira mu mitima yabo mu buryo bw'umwuka ngo ibayobore babeho bakora ibyo ishaka byose. Ubwo Imana yigiraga umuntu, uwo muntu yavutse yitwa

umwana w'Imana yitwa izina
ry'Imana rya Yeshua Ha
Mashyah nk'uko twabibonye.
Kwari ukugirango yereke abantu
yaremye urukundo rwayo,
byatumye yemera gufata ibyaha
byo muri kamere yacu byose
ibishyira kuri uwo mwana wayo
abibambanwa ku musaraba.
Yarapfuye ndetse aranahambwa
nk'uko byari byaranditswe.
Yazize ibyaha byacu kugirango
arangize igihano twagombaga
guhanwa bitewe n'uko
twavukanye kamere y'icyaha
dukomora ku babyeyi bacu ba
mbere aribo ADAMU na EVA.

Abaroma 5 :17-18 ; 2 Abakorinto
5 :19-21 ; Abaf 2:13;
Abaheburayo 1:3 ; Yesaya 53 :4-
10 ; 10:10-24; 1 Petero2:24 .

Twese twabereye abanyabyaha
muri Adamu kandi ibyaha
byatuzaniye urupfu. Abaroma 6
:23

Ariko bitewe n'uko uwo mwana
w'Imana yadupfiriye kandi
akanatuzukira, ni muri we
twaherewe imbabazi z'iteka
z'ibyaha byo muri kamere yacu
byose.

Ni muri ubwo buryo Imana
iduhishurira ko yarangije

kutubabarira ibyaha ikaba nta
cyaha ikitubaraho. Abaheburayo
10 :10-18.

Iyo wemeye ukakira mu mutima
wawe izo mbabazi zihoraho
wagiriwe n’Imana utabigizemo
uruhare, nibwo Imana yinjira mu
mutima wawe mu buryo
bw’Umwuka wera, Ikaba
umwami wawe ,ikaguha
imyumvire mishya
n’imitekerereze mishya.

Ntiwongera kubaho wicira
urubanza mu mutima wawe, ngo
wishinje icyaha. Abaheburayo 10
:19-25. Ahubwo watura ko uri
Uwera n’umuziranenge imbere

y'Imana, kuko uba ubarwho
gukiranuka kwa Yeshua Ha
Mashyah wagupfiriye azira
ibyaha byawe kandi we nta cyaha
yigeze akora. 1 Petero 2 :18-24. ;
Abakolosayi 1 :21-22

Ibyo bituma wihana imirimo
ipfuye wakoraga ukiri injiji igihe
wari utaramenya ko wababariwe.
Abaheburayo 6 :1-3 ;Abefeso 4
:17-32 ; Abefeso 5 :1-18 ;
Abaheburayo 9 :13-15 ; 1Petero 1
:14-16 ;

Ikigeretse kuri ibyo wiyegurira
Imana binyuze mu gikorwa cyo
kubatizwa mu mazi menshi mu

izina ry'Umwami Yeshua Ha
Mashyah, ugahinduka
umwigishwa we. Ugaherako
ufatanya natwe abagizwe abera
tubiheshejwe no kwizera amaraso
ye yatwejesheje, tugafatanya
gukora umurimo dufite intego yo
kubaho Imibereho itunganye,
dufite ishyaka ryo guhindura
abandi abigishwa be, ku buryo
nabo bazabasha guhindura
Abandi abigishwa b'umwami
wacu Yeshua Ha Mashyah ari we
uzatujyana mu ijuru, mu bukwe
bwe, aho tuzaba turi umugeni we
ugizwe na benshi bamwizeye, we
azaba ari umukwe wacu umwe,

nk'uko Salomo yari afite abagore
benshi, Dawidi, Yakobo,
Gidiyoni n'abandi bakiranutsi
babayeho bafite abagore benshi,
byashushanyaga Yeshua Ha
Mashyah umwe n'abamwizera
benshi ari bo twe tugize Itorero
ry'Abera riri ku isi.

Mukeneye ibindi bisobanuro
mwabariza kuri nomero
0726142434 ; 0787847788 za

Mwene so NYANDWI

MUGISHA Cassien Umugaragu
wa Yeshua Ha Mashyah mu
Rwanda.